

Menya ibyago ufite byo kurwara COVID ukarembo



Abantu barwara COVID bakarembo bishobora kuba ngombwa ko bashyirwa mu bitaro. Bashobora no gupfa.

Kugendana n'igihe ku nkingo za COVID ni bwo buryo bwiza bwo kwirinda kuyirwara.

Abantu bamwe na bamwe bashobora kurwara COVID bakarembo kurusha abandi—nubwo baba barikingije.

Impamvu zituma abantu bashobora kurembo kubera COVID

Izabukuru

Ibyago by'uburwayi bukomeye butewe na COVID byiyongera kubera imyaka, cyane cyane ku bantu b'imyaka 50 n'abayirengeje.

Ubudahangarwa bw'umubiri budakomeye cyangwa bucitse intege

Bitewe n'uburwayi cyangwa ubuvuzi bwabuciye intege, nk'ubuvuzi bwa kanseri cyangwa imiti ya corticosteroids.

Ibibazo by'ubuzima bimwe na bimwe

Ibibazo by'ubuzima bimwe na bimwe byongera ibyago kurusha ibindi. Kandi uko ubigira ni nako ibyago byiyongera. Ibibazo by'ubuzima rusange byongera ibyago birimo:

- Uburwayi
- Diyabete
- Asima n'izindi ndwara z'ibihaha
- Kanseri
- Uburwayi bw'impyiko n'umwijima
- Ibiro byinshi cyangwa umubyibuho ukabije



Ibi byose si ko ari ibibazo by'ubuzima bifitanye isano n'ibyago byinshi by'uburwayi bukomeye butewe na COVID. Vugana na muganga wawe cyangwa uguha ubuvuzi ku bibazo by'ubuzima ufite kugira ngo usobanukirwe ibyago ufite.

Ubuvuzi bufite uruhushya cyangwa bwemejwe na FDA burahari bufasha kurinda uburwayi bukomeye

Niba ushobora kuba warwara cyane, ugomba guhita utangira ubuvuzi bwa COVID ibimenyetso bya mbere bikigaragara.

Witegerezza. Ni byiza kwipimisha vuba niba ugize ibimenyetso bya COVID. Ni ngombwa gutangira ubuvuzi muganga yanditse mu minsi ibimenyetso byatangiyemo.

Nubwo waba ufite ibimenyetso byoroheje, kuvura COVID hakiri kare ukoresheje imiti yanditswe na muganga cyangwa undi utanga ubuvuzi wemewe bishobora kugabanya ubukana bw'ubwandu no kukurinda kurwarira mu bitaro. Bishobora kugutabarira ubuzima.

Vugana na muganga wawe cyangwa uguha ubuvuzi ku byago ufite byo kurwara ukarembo kubera COVID

Menya ibindi kuri cdc.gov/covidtreatment